REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA
<u>GASABO</u>

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2021 umunsi wa 13 ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe GAJU Jeanne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Marianne;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **NIYITEGEKA Jean Claude** mwene BUGINGA Fenias na MUKAGACINGA Everiyana, utuye mu kagali ka Kibara, umurenge wa Gikomero, akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha bitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02423/IPRL GASA/2021/FM/DU kigeze mu rukiko gihabwa N° RP 01168/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 17/03/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko **NIYITEGEKA Jean Claude** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 25/04/2022 kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **NIYITEGEKA Jean Claude** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **<u>25/04/2022 saa mbiri za mugitodo (8h00)</u>**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa **ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.**

| | |
|---|---|
| **GAJU Jeanne** | **UWANTEGE Marianne** |
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **Se** | **Se** |